RWANDA BAR ASSOCIATION

Kigali, ku wa 25/01/2021

N/Réf.: Let 096/Bat/KJG/01/2021

Bâtonnier GATERA GASAHABANA
KIGALI-RWANDA

Impamvu: Ibaruwa yanyu itumenyesha abandi bunganizi muri dosiye ya Bwana Paul RUSESABAGINA m'urubanza RP 00018/HC/HCCI/2020

Mugenzi wanjye dusangiye Umwuga,

Inyandiko (e-mail) yanyu yo kwa 18/01/2021 mwatwandikiye mutumenyesha amazina y'abandi bunganizi (Kate Gibson, Philippe Larochelle, Peter Choharis) babafasha kunganira Bwana Paul RUSESABAGINA mu rubanza rwe yatugezeho.

Nyuma yo kubona ubusabe bwanyu twagirango tubamenyeshe ko Bwana RUSESABAGINA yamenyeshejwe ibisabwa kugirango yunganirwe n'Abavoka baturuka m'Urugaga rw'Abavoka rwo mu mahanga ku wa 16/10/2020 nkuko muyisanga k'umugereka wiyi baruwa akaba yarayibonye binyuze k'ubuyobozi bwa Gereza ku wa 19/10/2020.

Ni muri urwo rwego musanze nkumwe mu bavoka bafite uburambe mu kazi m'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda mutakunganira uko bikwiye Bwana Paul RUSESABAGINA mwenyine mukaba mukeneye abandi babafasha kunganira Bwana Paul RUSESABIGINA mwamugira inama cyangwa mukamufasha gutoranya abandi bavoka bujuje ibisabwa. Mushobora kureba k'Urutonde rw'abavoka m'u Rwanda ruriho abavoka barenga 1100 harimo n'abafite uburambe mu mwuga bw'imyaka irenga 20.

Mwadufasha kumenyesha Bwana Paul RUSESABAGINA ko abavoka asaba ko mwafatanya m'urubanza rwe batagaragaza ko bari k'Urutonde rw'Abavoka mu Rwanda cyangwa m'Urugaga rw'Abavoka rufitanye umubano (Réciprocité) n'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda mu buryo bwanditse cyangwa mu buryo bwemewe n'Inama y'Urugaga rw'Abavoka (Conseil de l'Ordre) uwo mwavoka aturukamo n'Inama y'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda nkuko biteganywa mu ngingo ya 6 agace ka 2 n'ingingo ya 7 agace ka mbere (1) z'Itegeko No 83/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo.

Mugire amahoro y'Imana.

RWANDA BAR ASSOCIATION
URUGAGA RW'ABAVOKA
P.O.BOX. 3762 KIGALI – Tel. 252580600
E-mail : info@rwandabar.org.rw
Web: www.rwandabar.org.rw

Me KAVARUGANDA Julien Gustave
Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda